Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahawe ubutumwa ifite imyaka mirongo ine

Hadithi yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahawe ubutumwa ifite imyaka mirongo ine imara i Makat imyaka cumi n'itatu, hanyuma ihabwa itegeko ryo kwimuka, yimukira i Madinat ihamara imyaka icumi, nyuma irapfa.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) ari kutubwira ko ubutumwa bwahishuriwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha inategekwa kubwigisha ku myaka mirongo ine; i Makat ihamara imyaka cumi n'itatu, hanyuma itegekwa kwimukira i Madinat ihamara imyaka icumi, nyuma irapfa ifite imyaka mirongo itandatu n'itatu.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65050